

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME
MU KWIZIHIRA ISABUKURU Y'IMYAKA 25 Y'IMPUZAMIRYANGO
PRO-FEMMES TWESE HAMWE.**

AKARERE KA KICUKIRO

Gahanga, Ku wa 7 Nyakanga 2017

**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,
Banyacyubahiro muteraniye hano,
Banyamuryango ba Pro-Femmes Twese Hamwe,
Nshuti za Pro-Femmes Twese Hamwe,
Batumirwa turi kumwe uyu munsu,**

Mwaramutse/Mwiriwe neza!

Uyu munsu tujyejeje no kubana namwe mu birori byo kwizihiza isabukuru y'imyaka 25, Impuzamiryango Pro-Femmes Twese Hamwe imaze, aho tunamurikirwa bimwe mu bikorwa by'indashyikirwa abanyamuryango bagezeho.

Nk'uko bigaragara mu bikorwa bitandukanye twamurikiwe uyu munsu, abanyamuryango ba Pro-Femmes bagiye bafata iya mbere mu gutangira ibikorwa byasaga nk'ibigoye cyane, nyuma y'ibihe bikomeye bya Jenoside yakorewe Abatutsi, igihugu cyacu cyari kivuyemo.

Guhuza abanyarwandakazi, ukabaherekeza mu rugendo rwo gukira ibikomere, bakubaka ubushobozi bw'imiryango bari basigaranye, bagashakirwa ubutabera, ntibyari ibyo gutinyukwa na buri wese. Turabashimira ko mwabaye abatumurikirira muri iyo nzira, mukaba mwarabashije gufasha benshi batari bubone imbaraga zo kwirwanira izo ntambara no kwigendana muri urwo rugendo.

Mu kwezi kwa **Werurwe** (3), ubwo twizihizaga Umunsi mpuzamahanga wahariwe umugore, twari dufite insanganyamatsiko itwibutsa nk' *'Abanyarwandakazi gusigasira Agaciro twasubijwe'*. Turabashimiye ko iyi mpanuro mukomeje kuyikurikiza.

Dutewe ishema no kubona mwarabashije kwesa umwe mu mihigo ikomeye mwari mwihaye ubwo mwizihizaga isabukuru y'imyaka 20. Iyi nyubako mwise "***Centre of Excellence for Women Leadership***" izafashe koko abanyamuryango ba Pro-Femmes, kurushaho kubaho bihesha **Agaciro**, ndetse baba n'inyangamugayo mu mirimo n'inzeho zitandukanye bakoreramo.

Batumirwa, Nshuti za Pro-Femmes,

Kwizihiza iyi sabukuru biduha umwanya wo kongera kwibukiranya intambwe igihugu cyacu cyagezeho mu guteza imbere umugore. Tukaba dushimira Pro-Femmes nk' umwe mu bafatanyabikorwa bagize uruhare rukomeye.

Reka nongere mbibutse ko ubu mu Rwanda imibare yerekana ko:

- ***Mu kurwanya ubukene:*** Abagore bavuye ku kigero cy'ubukene cya 58.1% muri 2000/2001¹, bagera ku kigero cya 39,1% muri 2013/ 2014².

¹ Rwanda's Gender Dividend 2016

Nk'uko biri mu ntego zirambye z'iterambere, natwe dukomeze guharanira ko iki gipimo gikomeza kumanuka, kandi dukomeje ubufatanye nta cyatubuza kubigeraho.

- ***Mu kwihangira imirimo:*** Abagore 45.2% bihangiyeye imirimo. Umubare w'Abagore bafite konti mu bigo by'imari wariyongereye aho wavuye kuri 5.1% muri 2006, ukagera kuri 44% muri 2013/2014.

Umusanzu wa Pro-Femmes mu gufasha abagore kwihangira imirimo ugaragarira by'umwihariko mu bigo nka COOPEDU na DUTERIMBERE, ibigo by'imari byorohereza abagore kubona inguzanyo zibafasha mu kubona igishoro cyo gutangira imirimo ibyara inyungu.

- ***Mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore:*** Abanyamuryango ba Pro-Femmes nka *Haguruka* batanga ubufasha bw'ubutabera ku bantu bagiriwe akarengane, ariko badashoboye kwiyishyurira amafaranga akenerwa mu gutanga ibirego no kubikurikirana. Pro-Femmes igira kandi uruhare rukomeye mu kumenyekanisha amategeko arengera uburenganzira bwacu nk'abatura - Rwanda, aho ashyirwa mu mvugo yoroheye buri wese kuyumva binyuze mu nyandiko zigezwa ku bagenerwabikorwa.

² Rwanda's Gender Dividend 2016

- **Mu guharanira ko umugore agira ubuzima bwiza:**
Umubare w’abagore babyarira kwa muganga wariyongereye bigaragara, aho bari ku gipimo cya 39% muri 2005, bakaba bari bageze kuri 91% muri 2015.

Ikindi gikwiye kwishimirwa nuko umubare w’ababyeyi bapfa babyara nawo wagabanutse ku buryo bushimishije: Aho ku bagore 100,000 (**ibihumbi ijana**), umubare wavuye ku 1071 (**igihumbi na mirongo irindwi n’umwe**) mu mwaka wa 2000 ukaba wari ugeze kuri 210 (**magana abiri na cumi**) muri 2015.

Nubwo iyi mibare ari iyo kwishimirwa, tuzirikane ko hari aho tutaragera. Nkaba mboneyeho kwibutsa twese duteraniye hano ko dukwiye gukomeza guharanira ko nta mubyeyi wongera gupfa atanga ubuzima, kuko ibi bigira ingaruka ku muryango w’abo asize, ndetse n’igihugu muri rusange.

Banyamuryango ba Pro-Femmes Twese Hamwe,

Mukomeze mubere abandi umusemburo w’amahoro mu miryango no mubo mukorana, hakoreshejwe imbaraga z’abagore, bo shingiro ry’iterambere rirambye n’umuryango ubereye u Rwanda.

Ubudasa mwagaragaje mu gukorana neza n’izindi nzego zaba iz’ubuyobozi cyangwa iz’abikorera ku giti cyabo, mubukomeze ndetse n’abandi babigireho. Ubu budasa bugaragazwa n’imirimo itandukanye abanyamuryango ba Pro-Femmes bakoramo kandi ntibibabuze gushyira hamwe no kujya inama zubaka.

Amwe mu mashyirahamwe agize iyi mpuzamiryango akora imirimo ijyanye no kwita ku bana b'imfubyi, abandi bahujwe n'ukwemera, abandi bahuriye mu bigo by'imari, abandi bahujwe nuko ari abapfakazi ba Jenocide yakorewe Abatutsi, abandi nabo bahuzwa n'imikino ngororamuco itandukanye n'ibindi n'ibindi.

Ibi biratugaragariza imbaraga ziri muri aba banyamuryango ari nazo bakoresha mu kwishakamo ibisubizo byo gushyigikira iterambere tugezeho.

Bayobozi mu nzego zitandukanye turi kumwe uyu muni,

Nagira ngo mbasabe gukomeza gufatanya na Pro-Femmes mu gukemura ibibazo bicyugarije umuryango nyarwanda birimo:

- ✓ Amakimbirane akigaragara mu miryango, ashobora gukemurwa binyuze mu kurushaho guha imbaraga umugoroba w'ababyeyi
- ✓ Ihohoterwa rikorerwa abagore
- ✓ Ikibazo cyo gutwita kw'abangavu
- ✓ Ikibazo cy'icuruzwa ry'urubyiruko rwacu, gishobora gukemuka binyuze mu biganuro n'impanuro ababyeyi n'abarezi bagenera abana babo

- ✓ Ikibazo cy’abana bagita ishuri, abakigaragara ku mihanda n’abakoreshwa imirimo ivunanye batarageza imyaka
- ✓ Ikibazo cy’abana batitabwaho nkuko bikwiriye mu birebana n’isuku n’imirire, bishobora gukemurwa binyuze mu kwitabira gahunda y’imbenezamikorere y’abana bato (Early Childhood Development)

Ibyo byose ndetse n’ibindi muzakomeza gutekereza bizadufasha kubaka umuryango utekanye kandi ubereye u Rwanda.

Banyacyubahiro muteraniye hano,

Mumfashe dushimire abanyamuryango ba Pro-Femmes n’abafatanyabikorwa babo ku bw’ibikorwa byiza bagezeho, binadutere twese ishyamba ryo gukomeza guhuza imbaraga mu guharanira ko umuryango nyarwanda ugera ku iterambere rirambye.

Banyamuryango ba Pro-Femmes munyemerere nsoze mbasigira umukoro wo gukomeza kwigisha abakiri bato umuco wo *Kwigira* no kwihesha *Agaciro*. Bityo bahe *Agaciro* kugira u Rwanda buri wese yibonamo.

Mukomeze mugire Isabukuru nziza!